

JICA CUP2 Project

Kawa Yogeje neza – Guhugutisha ibitumbwe



6. Kawa Yogeje neza – Guhugutisha ibitumbwe

Ibyiza
by'ubu
buryo

- Byongera uburyohe bwinshi ugereranyishe n'ikawa yogeje isanzwe
- Igihe cyo kwanika kiba kigufi
- Kawa icyeye muburyohe ugereranyije nubundi buryo “Natural” cg “Honey”

Ibisabwa
byiza

1. Igipimo cy'isukari kiri hejuru 16.0 hakuwemo “Izidahishije”cg “Izarengeje guhisha”
2. Gukoresha ahatagera umwuka mukurema uturemangingo ukoresha itanki cg imifuka
3. Amazi meza n'itanki isukuye
4. Imashini ihera iregeye neza

Ibyiciro

1	2	3	4	5	6	7	8	9
Gusarura	Kujonjora	Guhugutisha Ahatagera umwuka	Guhera	Gutumbika mumazi	Koza no Gushyira mubyiciro	Kumutsa	Kwanika	Kubika
UMUNSI 1	UMUNSI 1-5 (Amasaha 96)	UMUNSI 5	UMUNSI 5-6	UMUNSI 6	UMUNSI 6-8	UMUNSI 8- (Iminsi 20-25)	-	-
								

Intambwe 1: Gusarura

Intego: Ikawa ihishije ifite isukari nyinshi n'icyanga bitanga uburyohe

Ibikoresho bikenewe



Koresha
igisarurirwamo
mugihe cyo gusarura
kawa



Sasa **shitingi**
munsi y'igiti
itangire ikawa
yaguye hasi



Koresha **imifuka**
isa neza
mugukusanya
umusaruro

Ingingo nyamuku

① Gusarura **ibitumbwe bihishije neza gusa**



Kubera ko ibihishije neza biremera



70kg



100kg

Uburemere

Igiciro ku
muhinzi

Igiciro

700rwf/kg

49,000rwf

700rwf/kg

70,000rwf



② Tangira gusarura
mugitondo.



③ Geza kawa
kuruganda bitarenze
amasaha 8 nyuma yo
gusarura



④ Ntutore kawa yaguye
ku butaka, Kumira
ubwandu



⑤ Shyira umusaruro
wa kawa **ahatagera**
izuba uyirinde ihuguta
ryihuse

6. Kawa yogeje neza- Guhugutisha ibitumbwe

Intambwe 2: Kujonjora– Kujonjora hegendewe ku ibara

Ikigamijwe: Gushyira kawa mubyiciro – Zihishije / Izidahishije/ Izarengeranye

Ibyitabwaho ①

70% bya kawa irahishije neza



Kugenzura ukoresheje
cherry paddle

Ibyitabwaho ②

**Ingano y'isukari : Hejuru ya 16.0
hakuwemo ibitumbwe byumye**



Kugenzura na Brix
meter



10.0



16.0

6. Kawa yogeje neza- Guhugutisha ibitumbwe

Intambwe 3: Guhugutisha ahatagera umwuka

Intego: Kugera ku ihugutisha ahatagera umwuka mu haremwa ibyanga

Ibikoresho



Ikigega gifunze neza kugira ngo umwuka utinjira imbere

Cyangwa



GrainPro (Umufuka w'ishashi)

Ingingo nyamukuru

① **Guhugutisha ahatagera umwuka:** Ikigega gifunze cyangwa Umufuka wa GrainPro hashyizwemo **amazi** hirindwa umwuka winjira.

② **Kugenzura ubushyuhe n'ubukonje:** Bika ahatwikiriye aho ubushyuhe n'ubukonje bidahindagurika.

③ **Igihe cy'ihuugutisha** Bitewe n'icyo isoko risaba igihe cyo guhutisha gishobora guhinduka.

**pH igomba kugenzurwa*



Ibyitabwaho

① **Impumuro:** Irinde impumura isharira cg imeze nk'iya vinegere.

② **Ibara:** Reba niba ibitumbwe byahinduye ibara.

③ **pH:** Igomba kuba hagati **4.0 – 4.2** ihugutisha rirangiye.

**Bishobora guhindurwa hagendewe ku cyifuzo cy'umukiriya*



Intambwe 4: Guhera

Intego: Gukuraho igishishwa udakomerekeje intete za kawa

Ibikoresho



Gukoresha **imashini**



Gukoresha **itanki y'amazi isa neza** ishyirwamo kawa itonoye

Ingingo nyamukuru

① Guhera ibitumbwe nyuma yo kubihugutisha



② **Kuregera imashini, ingano n'umuvuduko by'ibitumbwe** hirindwa ko kawa zangirika.



③ **Koza imashini buri munsu** hirindwa ko zandura



Ibyo kwitabwaho

Fata intete 100 za kawa y'amaganda ugenzure niba izangiritse ziri munsu ya 10% kandi niba imbuto zitatonowe neza ziri munsu ya 10%. Bitabaye ibyo regera imashini ihera.



Intambwe 5: Gutumbika mu mazi

Intego: Gukuraho Umurenda

Ibikoresho



- Koresha **itanki** cg umufuka wa **Grain Pro** utumbika kawa y'amaganda mu mazi.
- Koresha amazi asukuye hakurwaho umurenda.

Ingingo nyamukuru

Koroshya no gukuraho umurenda byoroshye:

Ubushyuhe bugira ingaruka kumuvuduko wo guhuguta. Bishobora kuba igihe kigufi mu bihe by'ubushyuhe na kirekire mugihe cy'imvura. Mubusanzwe, Bifata amasaha **24**. Kugabanya ubusharire, bitanga igikombe cya kawa gisukure mu buryohe kandi bworoshye mu kanwa.



Ibyitabwaho

① **Impumuro:**

Irinde impumuro isharira cg ya Vinegere



② **Imiterere:**


Kugenzura niba umurenda witandukanyije na kawa.



Icyiciro cya 6: Koza no gushyira mubyiciro

Intego: koza umurenda usigaye no gushyira mubyiciro hagendewe ku ireme rya kawa


Ibikoresho



Kwifashisha **rato y'igiti** mukoza kawa


Ingingo nyamukuru

- ① Genzura ko umurenda washizeho hagendewe **kumiterere(kawa zitakinyerera)**
- ② **Girira isuku imiyoboro ikawa inyuramo ishyirwa mubyiciro** irindwe ubwandu
- ③ **shyira kawa mubyiciro** hatandukanywe (A1,A2, n'izarerembye) hifashwa ubuhagarike bw'utubaho mu muyoboro



Ibyitabwaho

- ① Kugenzura ubwiza **hahindurwa ubuhagarike bw'utubaho** kuri buri cyiciro (10cm: A1 / 6cm: A2 / 3cm: izarerembye n'ibishishwa)
- ② **Hejuru ya 75%** zigomba kuba icyiciro A1



Icyiciro 7: Kumisha Mbere yo kwanika (Amasaha 36-48)

Intego: Gukuramo kawa ifite ubusembwa no kugabanya ubuhehere buhoro

Ibikoresho

Ubwamikiro butwikire




Ingingo nyamukuru

- ① Kujonjorera **ahatwikiriye** mbere yo kuma.
- ② Kujonjora **mu masaha 36-48** nyuma yo koza, kawa igombwa kuruhuka mbere yo kwanikwa ku zuba.
- ③ Reba **ibara rya kawa ifite ubusembwa** hakurwemo ikawa y':
 - **Icyatsi** (Izitarera)
 - **Umweru** (Izarerembye)
 - **Izirabura/izariwe n'udusimba**
 - **Izamenetse/ izakomeretse/ Izidatonoye**



Ibyitabwaho

Izifite ubusembwa **zikurwamo 100%**



Intambwe ya 8: Kumisha

Intego: Kugabanya ubuhehere no gutegura kubika kawa neza

Ibikoresho



shadineti
irinda
ubushyuhe
bwinshi



isashe irinda
imvura
n'urume



Moisture meter
mukugenzura
ubuhehere bwa
kawa

Ingingo nyamukuru

① **Gucunga ubushyuhe bwa kawa:** koresha **shadineti** mugutwikira hirindwa ubushyuhe hagati ya 11:00-15:00. * *Hindura bitewe n'imiterere y'ikirere*



② **Gucunga ubuhehere:** Pfuka parchment ukoresheje pulasitiki kugira ngo irindwe imvura n'ikime.



③ **Kuruhuka:** Umunsi umwe mu cyumweru, pfuka kawa neza yose.

④ **Kumira rimwe:** Korogosha kawa inshuro **4** ku munsi kugira ngo yumishwe neza. Ubunini bw'urutonde rwa kawa: **3 cm** (icyumweru cya mbere) → nyuma ugende wongera.



Ibyitabwaho

① **Ubuhehere:** Intego ya **10.5-11.5%** mu buryo bwiza. Kugenzura n'igipimo cy'ubuhehe kabiri kumunsi.



② **Igihe imara:** hafi iminsi **20-25**. Kwanika bigomba kwitonderwa hirindwa kuma byihuse insigane.



③ **Ubushyuhe bwa kawa:** Ubushyuhe igihe cyose bwagombye kuba **munsi 35°C** hirindwa kwangirika k'urubuto rw'imbere (umutima wakawa).



*Moisture meter ibanze kuregerwa.

Intambwe ya 9: Kubika

Intego: Kubika neza kawa kugira ngo zicuruzwe cyangwa zitonorwe

Ibikoresho

Paleta hirindwa kwangirika
(Urugero: Amazi, Udukoko)



Ingingo nyamukuru

- ① **Kugenzura ubuhehere:** Kugumisha kawa kububore bwa **10-12%**



- ② **Kohereza umwuka/guhungiza:** Kugenzura umwuka winjira n'usohoka hirindwa urume n'ubuhehere buri hejuru



Ibyitabwaho

- ① **Ubushyuhe:** Kugumana ubushyuhe bwa **15–23°C** hirindwa kwangirika



- ② **Ubuhehere:** Kugumana ubuhehere bwa **50-70%** hirindwa uruhumbu



- ③ **Kuruhuka:** Kawa igomba kubikwa hafi **amezi 2** kugira ngo ubushuhe bwayo bugume ku gipimo gihamye.

